| |
|---|
| **Ikinyarwanda** |
| **PK** |
| **09/07/2024** |
| **1:30 PM – 3:30 PM** |

| **Inomero yuzuye y'umunyeshuri** | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|
| *Intara/ Umujyi* | *Akarere* | *Umurenge* | *Ishuri* | *Ikiciro* | *Umunyeshuri* | *Umwaka* |
| | | | | | | |

**Amazina y'umunyeshuri**

**Izina ryawe bwite:**........................................................

**Ikitonderwa:** INOMERO Y'UMUNYESHURI N'AMAZINA YE **BIGOMBA** KWANDIKWA NK'UKO BYANDITSE KU IFISHI Y'UMUNYESHHURI.

NESA NATIONAL EXAMINATION AND SCHOOL INSPECTION AUTHORITY

# IKIZAMINI CYA LETA GISOZA AMASHURI ABANZA 2023-2024

## IKINYARWANDA

**Igihe kimara: Amasaha abiri**

**Amanota:** /100

**Amabwiriza:**

1) Ntufungure iyi kayi y'ibibazo by'ikizamini utabiherewe uburenganzira.
2) Ikizamini kigizwe n'**ibibazo makumyabiri na bitanu (25)**. Mbere yo gutangira banza ugenzure niba ibibazo byose byuzuye.
3) Ikizamini kigizwe n'ibice bine:

| | |
|---|---|
| **Igice cya mbere: Kumva no gusesengura umwandiko** | **(amanota 30)** |
| **Igice cya kabiri: Ikibonezamvugo** | **(amanota 25)** |
| **Igice cya gatatu: Ubumenyi rusange bw'ururimi** | **(amanota 30)** |
| **Igice cya kane: Ihangamwandiko** | **(amanota 15)** |

4) Ibisubizo bigomba kuba bifututse kandi byuzuye.
5) Gusiribanga no guhindagura ibisubizo bifatwa nko gukopera.
6) Birabujijwe kugaragaza umwirondoro wawe ahatabugenewe.
7) Ukurikize amabwiriza ari kuri buri kibazo.
8) Koresha ikaramu y'**ubururu** cyangwa iy'**umukara** gusa.

**UMURAGE N'IZUNGURA MU RWANDA**

Hari hashize igihe kinini mama yitabye Imana, data asigara ari umupfakazi. Kubera urukundo data yakundaga nyakwigendera, ntiyigeze ashaka undi mugore. Ahubwo yakomeje kuturera, atwitaho, adutoza imico myiza. Ntiyigeze aba nka ba babyeyi gito basigaye batandukana bakuze, ugasanga umugabo atandukanye n'umugore nta n'imperekeza amuhaye.

Nuko hashize igihe, data amaze kugera mu za bukuru, afatwa nindwara araremba. Ubusanzwe n iyigeraga aryama cyangwa ngo yicare ku manywa nta kintu arimo gukora, ariko hahi e icyumweru cyose adashobora kuva mu buriri. Yari amaze iminsi arwaye iryinyo, bamujyana mu bitaro, ariko iryinyo ntiryakira, bamugarura mu rugo. Nuko ishinya irabyimba, itama rirabyimba, mu muhogo harabyimba. Mu minsi mike, ntiyari agishoboye kugira icyo arya ngo akimire no kuvuga bitangira kumunanira.

Hashize iminsi adutumaho twese abana be, abahungu n'abakobwa, abanza kuduha impanuro arangije araturaga. Icyo gihe, ni bwo natangiye kumva ko umubyeyi wadukunze akaduha uburere bwiza, agiye gutabaruka.

Amaze kutugabanya imitungo yari afite yose, twese aturinganiza, aratwihanangiriza agira ati: "Bana bange, uyu murage w'ibintu mbasigiye, nta gaciro gakomeye ufite. Ntuzabateranye kuko ari ubusabusa. Umurage ukomeye mbasigiye ni urukundo, ubumwe, ubufatanye no gukunda umurimo. Izo ndangagaciro nazigendeyeho muri ubu buzima maze ku isi. Ni zo zizabageza ku butunzi nyabwo, ubutunzi muzishakira mwebwe ubwanyu. Dore nakoze uko nshoboye nshaka ubutunzi, nyamara nta gaciro kanini bufite, kuko mu minsi mike hazaba hagezweho ibindi bitari amazu n'amasambu. Iby'isi bigenda bihinduka uko bwije n'uko bukeye."

Nuko umubyeyi amaze kuvuga atyo ajya mu cyumba ke, akagenda ahamagara umwana umwumwe ahereye ku mukuru akamuha umugisha. Aho mu cyumba ke ni ho yambwiriye ijambo ryanyubatse ringirira akamaro kurusha ibindi byose yambwiye.

Yafashe ikiganza cyange akimarana umwanya, maze arambwira ati: "Mwana wange akira umugisha. lyi mbuto nguhaye, nuvitera ku rutare izamere, nuyitera mu butayu izere, aho ikigarıza cyawe kizakora hose, hazasesekare uyu mugisha nguhaye, maze umusaruro w'ukuboko kwawe ugende ugwira ubutitsa."

Iryo jambo data yambwiye ryangiriye akamaro gakomeye. Icyo nkoze cyose ngikorana ikizere, kandi koko kikampira. Ibyo byatumye nibuka ijambo rikomeye nasomye mu gitabo kimwe rigira riti: "Umurage uruta iyindi dushobora gusigira abana bacu n'abadukomokaho bose si amafaranga cyangwa ubundi butunzi twarundanyije mu buzima bwacu, ahubwo umurage mwiza ni imico n'ukwemera batwigiycho."

IGICE CYA MBERE: KUMVA NO GUSESENGURA UMWANDIKO **(amanota 30)**

1) Ni abahe bantu bavugwa muri uyu mwandiko? **(amanota 2)**

…………………………………………………………………………………………………

…………………………………………………………………………………………………

2) Umusaza uvugwa muri uyu mwandiko yakoze iki mbere yo gupfa? **(amanota 3)**

…………………………………………………………………………………………
…………………………………………………………………………………………
…………………………………………………………………………………………
…………………………………………………………………………………………

**3)** Ni iyihe ngingo y'ingenzi ivugwa muri uyu mwandiko? **(amanota 2)**

…………………………………………………………………………………………
…………………………………………………………………………………………

4) Kuki umurage wimitungo uyu musaza avuga ko nta gaciro ufite? **(amanota 3)**

…………………………………………………………………………………………
…………………………………………………………………………………………
…………………………………………………………………………………………
…………………………………………………………………………………………

5) Ni uwuhe murage ukomeye uyu musaza yasigiye abana be? **(amanota 4)**

…………………………………………………………………………………………
…………………………………………………………………………………………

6) Usibye impanuro n'umutungo, ni iki kindi uyu musaza yahaye abana be mbere yo gupfa kivugwa muri uyu mwandiko? **(inota1)**

…………………………………………………………………………………………
…………………………………………………………………………………………

7) Umwanditsi w'uyu mwandiko avuga ko uyu murage wamumariye iki? **(amanota 2)**

…………………………………………………………………………………………
…………………………………………………………………………………………

8) Subiza ukoresheje "**ni byo**" cyangwa "**si byo**" ukurikije ibivugwa muri uyu mwandiko: **(amanota 4)**

a) Umwanditsi avuga ko se yashatse undi mugore nyina amaze gupfa. ☐

b) Umusaza uvugwa mu mwandiko yishwe n'indwara y'ibihaha. ☐

c) Abana bose b'uyu musaza bahawe umunani ungana. ☐

d) Impanuro umwanditsi yahawe na se yarazikurikije ☐

9) Huza amagambo yakoreshejwe mu mwandiko n'ibisobanuro byayo: **(amanota 5)**

| | |
|---|---|
| a) Kugera mu za bukuru<br>b) Nyakwigendera<br>c) Umurage<br>d) Hazasesekare<br>e) Kikampira | i) Hazuzure<br>ii) Ntikimpombere<br>iii) Gusaza<br>iv) Ibyo dusigirwa n'abakurambere bacu<br>v) Uwapfuve |

……………………………………………………………………………………………
……………………………………………………………………………………………
……………………………………………………………………………………………
……………………………………………………………………………………………

**10)** Uzurisha izi nteruro amagambo akurikira: **impanuro, umugisha, umurage, ishinya.** **(amanota 4)**

a) Kagabo ntiyagiye kwiga uyu munsi kuko…………… ye yabyimbye.

b) Aramubwira ati: Mwana wange................................ nguhaye ni ukubana neza na bose

c) Urage wumva ……………………… z'abakuru kuko baba barabonye byinshi.

d) Umubyeyi ukunda abana be abifuriza kuzagira……………… mubuzima bwabo.

## IGICE CYA KABIRI: IKIBONEZAMVUGO **(amanota 25)**

11) Vuga imimaro y'amagambo yose agize iyi nteruro: **(amanota 3)**

Umusaza yatanze umurage.

12) Vuga ubwoko bw'interuro zikurikira. **(amanota 3)**

a) Byuka vuba ugende.

b) Umusaza yazize uburwayi.

c) Mbega agakanzu keza!

13) Garagaza intego n'amategeko y'igenamajwi yubahirijwe (mu mpine) ku magambo atsindagiye: **(amanota 4)**

a) Uburwayi bw'amenyo bwibasira **abana** n'abasaza

………………………………………………………………………………………….

b) Ibyo byamfashije gutera intambwe **ndende** mu buzima

………………………………………………………………………………………….

14) Shyira inshinga zo mu nteruro zikurikira **mu ndango ihakana** **(amanota 5)**

a) Ndaza mu kanya.

…………………………………………………………………………………………….

b) Nuza ndishima

…………………………………………………………………………………………….

c) Nimukora muzatera imbere.

…………………………………………………………………………………………….

15) Shyira inshinga zizi nteruro mu ngiro ntega maze usanishe neza. (amanota 3)

a) Abana bamwe na bamwe bangiza ibidukikije.

………………………………………………………………………………………

b) Ababaji batemye ibiti mu ishyamba kimeza rya Nyungwe,

………………………………………………………………………………………

c) Abashumba bataye amashashi mu mazi

………………………………………………………………………………………

16) Mukurikije ruhamwa yatanzwe, mutondagure inshinga zo mu nteruro zikurikira mu gihe cyatanzwe mu dukubo. **(amanota 4)**

a) Mutoni (gusobanurira: **indagihe y'ubusanzwe**) bagenzi be.

………………………………………………………………………………………

b) Abanyeshuri (kwiga: **indagihe y'igikomezo**) Ikinyarwanda.

………………………………………………………………………………………

c) Mu mwaka ushize, Gwiza (gusoma: **impitagihe**) ibitabo bine.

………………………………………………………………………………………

d) Imvura(kugwa: inzagihe y'inzahato) mu kanya.

………………………………………………………………………………………

17) Hanga interuro ngufi zigaragaramo ibi bikurikira: **(amanota 3)**

a) Ikinyazina mboneranteko

………………………………………………………………………………………

b) Umugereka w'uburyo

……………………………………………………………………………………

c) Igisantera

……………………………………………………………………………………

IGICE CYA GATATU: UBUMENYI RUSANGE BW'URURIMI **(amanota 30)**

18) Erekana imimaro itatu(3) y'utwatuzo mu nteruro. **(amanota 3)**

……………………………………………………………………………………
……………………………………………………………………………………
……………………………………………………………………………………
……………………………………………………………………………………

19) Noza imvugo yakoreshejwe mu nteruro zikurikira, usimbuza amagambo ari mu dukubo amazina agaragaza amasano yo mu muryango. **(amanota 6)**

a) Teta yarezwe na (mushiki wa se).

……………………………………………………………………………………

b) (Se wa se) wa Muhire n'(abarna ba nyirarume) bari bahari.

……………………………………………………………………………………

c) Sano yatabawe n'(umukobwa bavukana).

……………………………………………………………………………………

d) Inkoni ikubise (umugore musangiye umugabo) uyirenza urugo.

……………………………………………………………………………………

e) (Nyina w'umugore we) yamusuye

……………………………………………………………………………………

20) Ni iyihe migani y'imigenurano wacira abantu bakurikira: **(amanota 5)**

a) Umuntu wasanze yasinze aryamye mu muhanda.

……………………………………………………………………………………

b) Umuntu utubaha ababyeyi be.

……………………………………………………………………………………

c) Umur tu w'igisambo, ugira inda nini.

……………………………………………………………………………………

d) Umuntu uhohotera umwana.

……………………………………………………………………………………

e) Umuntu wibwira ko ari umunyabwenge.

……………………………………………………………………………………

21) Koresha amagambo akurikira mu nteruro ebyirebyiri zitandukanyije inyito: **(amanota 4)**

a) gufungura

……………………………………………………………………………………

b) inzara

……………………………………………………………………………………

22) Fora ndi nde?

a) lyo imvura iguye nge ndeguka nkayihagararamo, yahita nkikunjakunja.

……………………………………………………………………………………

b) Banshyiraho kugira ngo bangendereho mbarinde kubanganirana mu nyungu zabo bwite.

……………………………………………………………………………………

c) Mba mu gituza kandi nohereza amaraso mu mubiri wose.

……………………………………………………………………………………

d) Ibiti mbirya ntabibabarira, iyo ngeze mu ishyamba ndaryararika.

……………………………………………………………………………………

23) Wifashishije ingero, garagaza ahantu hatatu(3) hakoreshwa inyuguti nkuru mu myandikire ylkinyarwanda. **(amanota 6)**

……………………………………………………………………………..

……………………………………………………………………………………

……………………………………………………………………………..

…………………………………………………………………………….

………………………

24) Tanga ingero ebyiri z'amoko y'amatangazo. **(amanota 2)**

……………………………………………………………………………..

…………………………………………………………………………….

**IGICE CYA KANE: IHANGAMWANDIKO** **(amanota 15)**

25) Mu izina ry Umuyobozi wishuri Ribanza rya Kabara, ho mu Murenge wa Gitwa, mu Karere ka Rubingo, tegura itangazo ritumira ababyeyi mu nama yikigo. Ukoreshe amazina ya HAGUMA Rekeraho uyobora iryo shuri.

**-IHEREZO-**

**IMBONERA Y'IKOSORA**

IGICE CYA MBERE: KUMVA NO GUSESENGURA UMWANDIKO **(amanota 30)**

1) Ni abahe bantu bavugwa muri uyu mwandiko? **(amanota 2)**

**Abana n'umubyeyi**

2) Umusaza uvugwa muri uyu mwandiko yakoze iki mbere yo gupfa? **(amanota 3)**

**- yabahaye impranuro**

**-yarabaraze**

**-Abaha n'umugitha**

3) Ni iyihe ngingo y'ingenzi ivugwa muri uyu mwandiko? **(amanota 2)**

**-Umurage w' ababyeyi**

4) Kuki umurage wimitungo uyu musaza avuga ko nta gaciro ufite? **(amanota 3)**

**- kuko isi isigaye ihinduka uko bwije nuko bukeye**

**- Ibintu birashira ariko urukundo ruhoraho.**

**- Ibyo umuntu yikoreye n'amaboko ye ni ingirakamaro**

5) Ni uwuhe murage ukomeye uyu musaza yasigiye abana be? **(amanota 4)**

**- Imico myiza**

**-Ukwemera**

**-Urukundo**

**- Gukunda umurimo**

6) Usibye impanuro n'umutungo, ni iki kindi uyu musaza yahaye abana be mbere yo gupfa kivugwa muri uyu mwandiko? **(inota 1)**

**-Umugisha**

7) Umwanditsi w'uyu mwandiko avuga ko uyu murage wamumariye iki? **(amanota 2)**

**-Ibyo yakoze byose yabikoranye ikizere Kandi biramuhira.**

8) Subiza ukoresheje "**ni byo**" cyangwa "**si byo**" ukurikije ibivugwa muri uyu mwandiko: **(amanota 4)**

a) Umwanditsi avuga ko se yashatse undi mugore nyina amaze gupfa. **sibyo**

b) Umusaza uvugwa mu mwandiko yishwe n'indwara y'ibihaha. **sibyo**

c) Abana bose b'uyu musaza bahawe umunani ungana. **nibyo**

d) Impanuro umwanditsi yahawe na se yarazikurikije

**nibyo**

9) Huza amagambo yakoreshejwe mu mwandiko n'ibisobanuro byayo: (amanota 5)

| | |
|---|---|
| a) Kugera mu za bukuru | i) Hazuzure |
| b) Nyakwigendera | ii) Ntikimpombere |
| c) Umurage | iii) Gusaza |
| d) Hazasesekare | iv) Ibyo dusigirwa n'abakurambere bacu |
| e) Kikampira | v) Uwapfuve |

10) Uzurisha izi nteruro amagambo akurikira: **impanuro, umugisha, umurage, ishinya**. **(amanota 4)**

a) Kagabo ntiyagiye kwiga uyu munsi kuko **ishinya** ye yabyimbye.

b) Aramubwira ati: Mwana wange **umurage** nguhaye ni ukubana neza na bose.

c) Urage wumva **impanuro** z'abakuru kuko baba barabonye byinshi.

d) Umubyeyi ukunda abana be abifuriza kuzagira **umugisha** mu buzima bwabo.

## IGICE CYA KABIRI: IKIBONEZAMVUGO (amanota 25)

11) Vuga imimaro y'amagambo yose agize iyi nteruro:

Umusaza yatanze umurage. **(amanota 3)**

**-umusaza=> Ruhamwa.**

**-yatanze=> inshinga.**

**-Umurage =>icyuzuzo.**

12)Vuga ubwoko bw'interuro zikurikira**.** **(amanota 3)**

a) Byuka vuba ugende=>**Integeko**

b) Umusaza yazize uburwayi=>**Interuro ihamya (yemeza).**

c) Mbega agakanzu keza=>**Interuro itangara.**

13) Garagaza intego n'amategeko y'igenamajwi yubahirijwe (mu mpine) ku magambo atsindagiye: **(amanota 4)**

a) Uburwayi bw'amenyo bwibasira **abana** n'abasaza:

**abana=>a-ba+ana**

b) Ibyo byamfashije gutera intambwe **ndende** mu buzima

**ndende=>n-ren-re** $r \rightarrow d / n-$

14) Shyira inshinga zo mu nteruro zikurikira mu ndango ihakana (amanota 5)

a) Ndaza mu kanya=>**Sinza muu kanya**

b) Nuza ndishima=>**Nutaza sinishima.**

c) Nimukora muzatera imbere=>**Ni mudakora ntimuzatera imbere.**

15) Shyira inshinga zizi nteruro mu ngiro ntega maze usanishe neza. **(amanota 3)**

a) Abana bamwe na bamwe bangiza ibidukikije

**=> Ibidukikije byangizwa n'abana bamwe na bamwe .**

b) Ababaji batemye ibiti mu ishyamba kimeza rya Nyungwe

**=>ibiti mu ishyamba kimeza rya nyungwe byatemwe n'ababaji.**

c) Abashumba bataye amashashi mu mazi

**=>Amashashi mu mazi yatawemo n'abashumba**

16) Mukurikije ruhamwa yatanzwe, mutondagure inshinga zo mu nteruro zikurikira mu gihe cyatanzwe mu dukubo. **(amanota 4)**

a) Mutoni (gusobanurira: **indagihe y'ubusanzwe**) bagenzi be.

**=>Mutoni arasobanurira bagenzi be.**

b) Abanyeshuri (kwiga: **indagihe y'igikomezo**) Ikinyarwanda.

**=> Abanyeshuri bari kwiga Ikinyarwanda**

c) Mu mwaka ushize, Gwiza (gusoma: **impitagihe**) ibitabo bine.

**=>Mu mwaka ushize Gwiza yasomye ibitabo bine**

d) Imvura(kugwa: **inzagihe y'inzahato**) mu kanya.

**=>Imvura iribugwe mu kanya.**

17) Hanga interuro ngufi zigaragaramo ibi bikurikira: **(amanota 3)**

a) Ikinyazina mboneranteko **=>Za makabwa ziraje.**

b) Umugereka w'uburyo=>**yikoza hirya, yıkoza hino**

c) Igisantera **=>Ikinyabupfura ni ingenzi mu buzima.**

**IGICE CYA GATATU: UBUMENYI RUSANGE BW'URURIMI (amanota 30)**

18) Erekana imimaro itatu(3) y'utwatuzo mu nteruro. **(amanota 3)**

=>**Dutuma turuhuka.**

=>**kwerekana amarangamatima**.

=>**kumva igisobanuro cy'interuro.**

19) Noza imvugo yakoreshejwe mu nteruro zikurikira, usimbuza amagambo ari mu dukubo amazina agaragaza amasano yo mu muryango. **(amanota 6)**

a) Teta yarezwe na (mushiki wa se) **=>nyirasenge**

b) (Se wa se=> **sekuru** ) wa Muhire n'(abarna ba nyirarume=> **ababyara**) bari bahari.

c) Sano yatabawe n'ụumukobwa bavukana**)=>umuvandimwe**

d) Inkoni ikubise (umugore musangiye umugabo) uyirenza urugo**=>mukeba**

e) (Nyina w'umugore we) yamusuye**=>Nyirabukwe**

20) Ni iyihe migani y'imigenurano wacira abantu bakurikira: **(amanota 5)**

a) Umuntu wasanze yasinze aryamye mu muhanda.

**=>uyikura mukibindi ikagukura mu bagabo**

b) Umuntu utubaha ababyeyi be.

**=>uwanze kumvira se na nyina yumvira ijeri**

c) Umur tu w'igisambo, ugira inda nini.

**=>Inda nini yishe ukuze**

d) Umuntu uhohotera umwana.

**=>Utazi umutware yima umuwana.**

e) Umuntu wibwira ko ari umunyabwenge.

**=>Utazi ubwenge ashima ubwe**

21) Koresha amagambo akurikira mu nteruro ebyirebyiri zitandukanyije inyito: **(amanota 4)**

a) gufungura

**=>Papa yafunguye urugi.**

**=> Kamana afungura ku manywa gusa.**

b) inzara

**=>Inzara inaryana cyave.**

**=> Inzara za kalisa zarashokonkoye.**

22) Fora ndi nde? **(amanota 4)**

a) lyo imvura iguye nge ndeguka nkayihagararamo, yahita nkikunjakunja.

**=>Umutaka**

b) Banshyiraho kugira ngo bangendereho mbarinde kubanganirana mu nyungu zabo bwite.

**=>Itegeko**

c) Mba mu gituza kandi nohereza amaraso mu mubiri wose.

**=>Umutima**

d) Ibiti mbirya ntabibabarira, iyo ngeze mu ishyamba ndaryararika.

**=>Ishoka**

23) Wifashishije ingero, garagaza ahantu hatatu(3) hakoreshwa inyuguti nkuru mu myandikire ylkinyarwanda. **(amanota 6)**

**- ku mazina bwite: Kigali ni nziza**

**-gutangina interuro: Guhinga bitunga abantu**

**- Hagati: mutwugarizo n'utwuguruzo**

**Urugero: yaravuze ati "Icyo nshaka ni impuwe ni ibitambo**"

24) Tanga ingero ebyiri z'amoko y'amatangazo. **(amanota 2)**

=> amatangazo yo kurangisha

=> Amatangazo yo kubika

IGICE CYA KANE: IHANGAMWANDIKO (amanota 15)

25)Mu izina ry Umuyobozi wishuri Ribanza rya Kabara, ho mu Murenge wa Gitwa, mu Karere ka Rubingo, tegura itangazo ritumira ababyeyi mu nama yikigo. Ukoreshe amazina ya HAGUMA Rekeraho uyobora iryo shuri.

**ITANGAZO**

Ubuyabozi bw' ikigo cy' ishuri ribanza rya  Kabara riherereye mu murenge wa Gitwa mukarere ka Rubingo, rinejejwe no gutumira ababyeyi bose barerera muicyo kigo, munama izaba ku wa kane tariki ya 8/Gicurasi/2024 ikabera mu kigo kuva saa munani.

Ibizigirwa miri iyo nama ni ukurebera hamweimyigire n'imyigishirize y'abana babo no kurebera hamwe ibyerekeramye n'imirive y'abanyeshuri muri rusangeharebwa ibyerekeranye no gutanga umusanzu (school feeding).

Bikorewe i gitwa kuwa 8/5/2024

Muraloze umayabozi wi Kigo cya Kabara Haguma Rekerah

Umukono